KN 6 Av.4/P.O. Box 531 Kigali-Rwanda
Tel: (+250) 788199000 /
Website: www.bnr.rw /
E-mail: info@bnr.rw /
Swiftcode: BNRWRWRW /
Twitter: @CentralBankRw

BNR

**National Bank of Rwanda**
**Banki Nkuru y'u Rwanda**

*The Governor*

# ITANGAZO RIGENEWE ITANGAZAMAKURU

## Banki Nkuru y'u Rwanda yagumishije igipimo cy'inyungu fatizo yayo kuri 4.5%

Inama ngarukagihembwe ya Komite ya Politiki y'Ifaranga, yateranye ku wa 12 Gicurasi 2021, isuzuma ibyagezweho nyuma y'ingamba zafashwe mu nama iherutse, inareba uko ubukungu bwifashe n'uko bwitezwe mu gihe kiri imbere, ku rwego rw'Isi n'imbere mu Gihugu. Imaze kubona ko iteganyamibare ryerekana ko igipimo cy'ihindagurika ry'ibiciro ku isoko kizakomeza kuba hasi y'igipimo fatizo Banki Nkuru igenderaho cya 5% mu bihembwe bine biri imbere, Inama yafashe icyemezo cyo gukomeza politiki y'ifaranga yorohereza ishoramari, igumisha igipimo cy'inyungu fatizo kuri 4.5%, mu rwego rwo gutera ingabo mu bitugu banki z'ubucuruzi mu gushyigikira izanzamuka ry'ubukungu zitanga inguzanyo.

## Ubukungu bw'Isi bwitezwe kuzamuka mu buryo bugaragara ariko butangana buvuye mu cyuho kitarabaho nyuma y'intambara ya kabiri y'Isi

Imibare y'Ikigega Mpuzamahanga cy'Imari yasohotse muri Mata 2021, yerekana ko ubukungu bw'Isi buzazamukaho 6% mu mwaka wa 2021, nyuma yo kugabanukaho 3.3% mu mwaka wa 2020, biturutse ku ngaruka z'icyorezo cya COVID-19. Gusa haracyariho urujijo ku bijyane n'iri zamuka ry'ubukungu, bitewe n'impamvu zinyuranye zirimo itangwa ry'urukingo rwa COVID-19, kwihinduranya kwa COVID-19, n'ubudasa mu mizamukire y'ubukungu hagati y'ibihugu bitewe n'ireme ry'ingamba nzahurabukungu zafashwe, ubushobozi bwo guhangana n'ingaruka ziturutse hanze y'ibihugu ndetse n'uko ubukungu bwari busanzwe buhagaze mbere y'icyorezo.

## Ubukungu bw'imbere mu Gihugu bwitezweho kuziba icyuho cyatewe n'ingaruka za COVID-19

Umusaruro mbumbe w'imbere mu Gihugu wagabanutseho 3.4% mu mwaka wa 2020, iri rikaba ari ryo gabanuka ry'ubukungu rya mbere ribaye kuva mu mwaka wa 1994. Bitewe n'ingamba za politiki zafashwe n'iyoroshywa ry'amabwiriza yo gukumira ikwirakwira ry'icyorezo cya COVID-19, ubukungu bwatangiye kuzanzamuka mu gihembwe cya gatatu cy'umwaka wa 2020, nyuma y'ihungabana rikabije ryabaye mu gihembwe cya kabiri cy'uwo mwaka. Biteganyijwe ko ubukungu buzakomeza kuzanzamuka nk'uko igipimo Banki Nkuru igenderaho mu gusuzuma uko ubukungu buhagaze kibyerekana. Iki gipimo cyazamutseho 10.2% mu gihembwe cya mbere 2021, kivuye kuri 5.5% mu gihembwe cya mbere umwaka ushize. Ubukungu buteganyijwe kuzamukaho 5.1% mu mwaka wa 2021, bitewe n'ingamba zafashwe n'itangwa ry'urukingo rwa COVID-19.

**Igipimo cy'inyungu ku nguzanyo kigenda kigabanuka bijyanye n'igabanuka ry'igipimo cy'inyungu fatizo ya BNR**

Politiki y'ifaranga yorohereza ishoramari yatumye habaho igabanuka ry'igipimo cy'inyungu ku isoko ry'imari y'igihe gito n'iry'igipimo cy'inyungu ku yandi masoko y'imari. Igipimo cy'inyungu banki z'ubucuruzi zigurizanyaho cyakomeje kuba hafi y'igipimo cy'inyungu fatizo ya BNR, kuko cyamanutseho iby'ijana 4 kigera kuri 5.2% mu gihembwe cya mbere 2021. Igipimo cy'inyungu ku nguzanyo cyagabanutseho iby'ijana 91 kigera kuri 16.35% bityo bituma ikiguzi cy'inguzanyo kigabanuka muri iki gihe cy'izanzamuka ry'ubukungu.

**Ingano y'amafaranga akoreshwa mu gihugu ntiyahungabanyijwe n'ingaruka za COVID-19**

Urwego rw'amabanki ntirwahungabanye kubera ingamba zafashwe. Muri Werurwe 2021, igipimo cy'amafaranga yose akoreshwa mu Gihugu, cyazamutseho 22.5% mu gihe cyari cyiyongereyeho 12.3% muri Werurwe 2020. Muri icyo gihe kandi, inguzanyo zahawe abikorera ziyongereyeho 22% ugereranyije n'izamuka rya 12.5% muri Werurwe 2020. Iri zamuka ryatewe n'inguzanyo nshya zatanzwe muri iki gihe, hamwe n'izindi ngamba nzahurabukungu zafashwe.

**Ibiciro ku isoko ry'ivunjisha ntibyahindaguritse cyane**

Mu mwaka wa 2020, agaciro k'ifaranga ry'u Rwanda ugereranyije n'idolari ry'Amerika, kagabanutseho 5.4%. Mu mpera za Mata 2021, agaciro k'ifaranga kagabanutseho 0.993% ugereranyije n'igabanuka rya 0.996% mu gihe nk'iki umwaka ushize. Mu mwaka wa 2021, nta hindagurika rikabije riteganyijwe ku isoko ry'ivunjisha kuko ubwizigame bwa BNR mu madevize, bubasha gufasha gutumiza ibintu hanze mu gihe kitari munsi y'amezi ane.

**Mu bihembwe bine biri imbere, igipimo cy'ihindagurika ry'ibiciro ku isoko giteganyijwe gukomeza kuba hasi y'ikigero fatizo Banki Nkuru yihaye cya 5%**

Umuvuduko w'ihindagurika ry'ibiciro ku isoko wavuye kuri 5.1% mu gihembwe cya kane cy'umwaka wa 2020 ugera kuri 2.1% mu gihembwe cya mbere cy'umwaka wa 2021, ahanini bitewe n'uko umuvuduko w'izamuka ry'ibiciro bitarimo iby'ibiribwa byangirika vuba n'iby'ibikomoka ku ngufu wagabanutse uva kuri 4.2% ugera kuri 3.2%. Mu gihembwe cya kabiri cy'umwaka wa 2021, igipimo rusange cy'ihindagurika ry'ibiciro ku isoko giteganyijwe kuzamukaho 2.7%. Impuzandengo y'ihindagurika ry'ibiciro ku isoko, iteganyijwe kuba 2.2% mu mwaka wa 2021.

Komite ya Politiki y'Ifaranga izakomeza gukurikiranira hafi uko ubukungu bwifashe, imbere mu Gihugu no hanze yacyo, kandi yiteguye gufata ingamba zikwiye, igihe bizaba ngombwa.

Ku wa 12 Gicurasi, 2021

NATIONAL BANK OF RWANDA: THE GOVERNOR
REPUBULIKA Y'U RWANDA
UBUMWE - UMURIMO - GUKUNDA IGIHUGU

**RWANGOMBWA John**
**Guverineri akaba**
**n'Umuyobozi wa Komite ya Politiki y'Ifaranga**